Notes

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'URUBYIRUKO,
IMIKINO N'IMYUGA
B.P. 1044 - KIGALI

Kigali, le 10.14/97

No 317/21-13

Bwana Umugenzuzi w'Akarere k'amashuri
Abanza ka KACYIRU-KICUKIRO
KIGALI

Impamvu:
K'ubutumire bwanyu bwo kuwa
15 Werurwe 1997.

Bwana Mugenzuzi,

Nejejwe no kubona iyi baruwa yo gusoza irushanwa ry'umupira ryahuzaga amashuri y'akarere ka KACYIRU-KICUKIRO

Ndabashimira cyane kuri iyo ntera mugezeho mu kuzamura iyo mikino muri rusange, cyane cyane muhereye ku bana , bityo bikaba ari ibintu bizima. Tuboneyeho n'akanya ko kubasaba ngo mutubabarire ko tutabonetse kubera izindi nshingano twari dufite uwo munsi.

Tubijeje ko ubutaha, tuzakora uko dushoboye tukifatanya namwe mu kazi kose karebana n'urubyiruko

Mbaye mbashimiye ku bikorwa mwitangiye by'urubyiruko.

Minisitiri w'Urubyiruko,
Imikino n'Imyuga

Dr Yakobo BIHOZAGARA

po [signature]
KAREMERA Pierre
Directeur Général
MIJEUMA

Sport

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINEPRISEC
ARRONDISSEMENT KIGALI - VILLE
SECTEUR SCOLAIRE KACYIRU - KICUKIRO.

Kacyiru, le 11/03/1997
N° 08.03/K01 - 02/051.

Sport scolaire

DS
- suivre
- lettre d'excuse
kubo tutagiyeyo d encouragement
/
fme 18.03.97

Bwana Ministiri w'Urubyiruko
n'Amashyirahamwe
KIGALI.

Impamvu :Ugutumira.

Bwana Ministiri,

Ubugenzuzi bw'Akarere k'Amashuri ka Kacyiru - Kicukiro, bwishimiye kubatumira mu muhango wo gusoza irushanwa ry'umupira w'amaguru ryahuzaga amashuri yo muri ako Karere. Umukino wa nyuma uzasoza iryo rushanwa uzaba ku wa Gatandatu tariki ya 15/Werurwe/1997 kuri Stade Régional ya Kigali ( i Nyamirambo ) saa tatu za mugitondo.

Kwifatanya natwe ni inkunga ikomeye.

Umugenzuzi w'Akarere k'Amashuri
Abanza ka Kacyiru - Kicukiro
RWIGIRA J . M . Vianney.